K0165713

# 0035

## RTLM 50 20/6/94

## KINYARWANDA

K0165714

# RESUME DE LA CASSETTE N° 0035.

**FACE A.**

* BEMERIKI Valérie dit que les Inkotanyis sont créés pour tuer les gens, pour boire le sang des autres. C'est tout ce qui est dans leur sang.

* HABIMANA Kantano : - explique les combats qui se déroulent dans la ville de Kigali.

- dit aussi qu'il y a eu des soldats de la MINUAR qui sont blessés en évacuant les Tutsis vers les Inkotanyis et les Hutus vers Runda.

- annonce l'arrivée des Français à Kigali et demande à la population de commencer à se préparer à les accueillir. On prépare des pancartes où on va écrire " Vive l'action humanitaire, vive la France, vive MITTERRAND, vive l'ONU, Inkotanyis égalent assassins, Inyenzis égalent animaux ", on doit aussi préparer des danses et des fleurs.

* Journaliste non identifié dit que les Inkotanyis se battent pour avoir le pouvoir, mais il croit que cela sera impossible parce que les Inkotanyis ont fait beaucoup de mal à la population.

**FACE B.**

Vide.

# FACE A

K0165715

**0.0 min**

**BEMERIKI Valérie** : (....) ari ba mutanyurwa, ari mutima mutindi nyine, usanga mu by'ukuri ko, kugotomera amaraso y'Abanyarwanda, kwica ari cyo cyabaremewe ( ?) ari cyo kibari mu maraso. Usanga rero kugira ngo umuntu agumye azihendahende ntacyo bimaze. Zifate imbunda natwe dufate izindi, izo nyenzi zibonere kuko ziriho zitabona, ziriho zitabona. Naho kuza rero biriya nka serwakira zigenda zirukanka imisozi ngo zafashe aha zafashe aha, zigenda zica abaturage bazihunga ; ibyo nta kintu bivuze kuko mu matora ntabwo ari izo nsina zizajya gutora, ntabwo ari ibyo bikeri bizajya gutora ntabwo ari ayo mafi yo mu mu muri Muhazi azajya gutora cyangwa se intumbi z'abantu barunzemo zizajya gutora, ntabwo ari bo si abacu (?) bantu tuzi ko turi kumwe ko kandi tugomba kubashakira ukuntu bagomba gusubira mu byabo . Nta kundi rero ni ukwivuna Inyenzi Inkotanyi tukazimarira ku icumu nk'uko urubyiruko rwose rubigaragaza kandi rubitwemerera (...) ntabwo ari bibi kandi ndabibifuriza kandi nawe abifitiye ubushobozi bwo (...) muri RTLM ugasanga ko dufite koko dufite abagabo, abagabo ba bazi icyo bakora kandi iyo myanya yombi bakaba bayikwiriye ndetse na « directeur » wacu na we tukaba tuzi ko ari umugabo koko udatinya kugeza na n'ubu tukaba tukiri kumwe. Abo bantu rero bose ndababashimiye bakomere, namwe kandi mukomere. Ubwo rero mwirirwe (...)

**HABIMANA Kantano** : (...) n'iminota itatu gusa, saa cyenda n'iminota itatu hano muri « studio » za blindé ya radio yanyu yigenga RTLM ivugira hano i Kigali, umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, umutima w'Afurika, umutima w'u Rwanda, Kigali. Turi hano rero turakomeye. Abatwumva mwese, mwese mwese abumva radio yigenga RTLM mwese turabashuhuje, muri kumwe na HABIMANA Kantano ugeze hano muri « Studio » hano mu kanya kugira ngo abashyushye.

**2.1 min**

ababwire n'amakuru ashyushye ashyushye , ashyushye adashyushya imitwe kugeza saa kumi n'ebyiri za nimugoroba kuri uyu munsi rero wa mbere tariki 20 z'ukwezi kwa gatandatu 94, ndabasuhuje mwese mugire umunsi mwiza mugire igicamunsi cyiza, mwese aho mutwumvira hose, aho muri hose, mukomere. Mu kanya rero ndabagezaho amakuru meza ariko tubanze turirimbe iyi ndirimbo, mumfashe tuyiririmbe kabisa kubera ko nyine ari ko ibintu bimeze « Muze twishime ncuti Inkotanyi zashize, muze twishime ncuti, ayi wee he ya Imana ntirenganya ».Haa haa haa yaa yaa ! Mu kanya rero ndababwira nyine ukuntu bimeze hano mu mugi wa Kigali. Noneho Inkotanyi, Inkotanyi noneho mu by'ukuri ibintu ibintu Inkotanyi zikora noneho ni amarorerwa. Noneho zageze muri Bishenyi, zageze muri Bishenyi ubu ngubu nyine zirimo zirakubitwa iz'akabwana, iz'akabwana mu by'ukuri. Ndababwira mu kanya ukuntu ibintu bimeze. Zageze rero ahantu hitwa i Kigese i Runda, niho zagiye kwihamba,zibonye yuko ibyo mu mugi biziyobeye. Ubwo rero murumva namwe iby'Inkotanyi ibyo ari byo. Turaza no kureba uko bimeze mvuye hariya hepfo i Gikondo, i Gikondo za «Camp Zaïre», mvuye no kureba; Nyamirambo aho Inkotanyi zasinziriye kwa KARAMIRA, kwa KARAMIRA hirya iriya i Nyamirambo nyine hafi ya «Saint-André» zasinziriyemo zihebye, zihebye zarihebye ziragenda zijya mu nzu , zijya mu nzu ifite, zijya mu nzu ifite inzugi ebyiri - « muragashellinga » ba nyoko- ubwo rero murumva ko nyine bwa bugome bwabo, ibyabo birimo bwa bubwa bwo gutera ibisasu ahantu hose babonye. Ubwo rero nyine Inkotanyi zirimo zirata ibitababapfu ni byo bisasu bya nyuma zifite, zirimo zirapfa

kubita aho zibonye, zibwira ko igisasu cyose kiguye cyica abantu igihumbi , ibihumbi bibiri mbese bazi yuko umugi wa Kigali bawumaze ko bamaze nko kwica ibihumbi ijana ubu ni byo barimo babara ariko rero barimo baribeshya , baribeshya burya Imana ntirenganya., Imana ntirenganya

**4.5 min**

Ubwo rero mu kanya ntimukangwe n'ibyo bintu biturika, ntabwo bikidukanga. Ndakeka yuko Inkotanyi zabuze ukundi zibigenza. Sinzi andi mayeri zishobora gukoresha ariko ay'ubwoba yo ntacyo akimaze. Mwumve neza umuziki turaza kureba mu kanya ibyerekeye ukuza kw'Abafaransa mu Rwanda hanyuma noneho dukomeze turebe n'andi makuru menshi menshi ari muri uyu mugi. Mwumve uwo muziki mbere y'uko dukomeza. (...) Ivugira hano i Kigali, abatwumva mwese aho mutwumvira hose mukomere. Mukomere muri uru rugamba turwana n'Inkotanyi, mu ntambara zise rurangiza , cyakora koko igomba kuba rurangiza kugira ngo agasuzuguro gashire. Ku byerekeye rero izo Nkotanyi, zikomeza gutera ibisasu, umwana ashobora kugutera ibuye ari kure, umwana ashobora kugutera ibuye ari kure ashobora no kurigutera mu jisho akagukomeretsa cyangwa akarigukubita muri nyiramivumbi , muri nyiramivumbi ugapfa. Ariko umwana akwegereye ukamufata, ukamufata murabizi ko atakuramo akaboko, ka kaboko kaguteye ibuye. Ndakeka rero Nkotanyi, mukomeze mutere ngo ibuye muta ibisasu aho mubonye, ntacyo bitwaye n'intambara y'isi yasize Abadage. Ibyo ari byo byose bizashira, ibyo byose bizashira ariko muzashyira mutwegere tubakanyage. Muzashyira mutwegere tubakanyage kuko mumeze nk'abana, abana bashobora gutuka umuntu bakamutera n'ibuye bari kure akaba yakomereka ariko umwana yakwegera ukamunyuka. Ubwo rero ndakeka yuko mukomeze muhanyanyaze ariko ibyo ngibyo ntacyo bimaze. Ni ubugizi bwa nabi, ni ubugome ni ubugome kandi ubwo bugome buzabagaruka. Hanyuma rero icyo nababwira ku byerekeye Inkotanyi, inkuru nshya ni uko Inkotanyi nonaha mu kanya Inkotanyi ee mukanya, nako ni uguhera mu gitondo zasesekaye ahantu bita i Kigese muri Komini Runda ariko mu by'ukuri ari

**6.3 min**

udukotanyi duke cyane ku buryo bohereje bya bimodoka bya karahabutaka bita blindés bikabateramo ibisasu bagapfa ahantu bari bicaye ubwo harokotse mbarwa bakiruka ariko bari bamaze gutera amasa bya bisasu biturika mu mpunzi zari zarahungiye i Runda kugira ngo nyine bazitere ubwoba zongere zangare. Murumva ko ibyo Inkotanyi zikora harimo ibintu by'urugomo. Ku byerekeye rero Inkotanyi hano muri rusange uko zimerewe hano i Kigali, nku ko mumaze iminsi mubyumva, Inkotanyi ejo zagerageje kwambukira mu Kinamba zigera ahantu muri segiteri Rugenge ku Kabakene, zari zashyekewe nyine ko zashoboye gucengera zikiba abantu kuri Saint-Paul uretse ko zagejejeyo mbarwa. Hanyuma noneho zari zashyekewe ziravuga ziti abantu bara, barasinziriye none ubwo basinziriye dushobora kujyayo ariko mwumvise ko zahataye abantu bageze kuri mirongo itatu, bageze kuri 30, umusirikare umwe wacu yitabye Imana birumvikana n'abaturage benshi nyine na ko hari abaturage bamwe na bamwe Inkotanyi zashoboye guteragura ibyuma kuko ni abagome kandi umugome kandi umugome aho yageze ntavi, ntaviramo aho. Ubwo rero ibyo ari byo byose hapfuye Inkotanyi 30 zirenga kuko izindi bazikurubanye iyo ngiyo ngira ngo ni imirambo yashoboye kuboneka hanyuma noneho hapfa hapfa umusirikare w'u Rwanda umwe gusa, umwe gusa. Birumvikana rero iyo dupfushije umusirikare umwe w'u Rwanda Inkotanyi zigapfusha 30, mu by'ukuri bigiye biba ku munsi Inkotanyi zashira, zashira kare cyane, kare cyane mbere y'ukwezi zaba zirangiye.

**7.8 min**

Ubwo rero ee none i Nyamirambo kuva Inkotanyi zahi, zahiyahura zigatakaza abantu batagira ingano ubu nagiye kuzirunguruka nsanga ziryamye ahantu, ziryamye kwa KARAMIRA, kwa KARAMIRA Frodouard ni ahantu i Nyamirambo hafi ya Saint-André, hanyuma hari izindi ziryamye kwa, kwa RUKEBESHA, RUKEBESHA uriya wo muri CESTRAR, uriya mugabo mugufi wo muri CESTRAR na ho hari Inkotanyi ziryamyeyo, hanyuma Inkotanyi nkeya ziri ku mugabo witwa KAVUTSE aho zagize aka « dispensaire » ariko mu by'ukuri izo Nkotanyi urebye ni ukwiyahura, ni ukwiyahura ku buryo bukomeye kuko abasirikare b'u Rwanda barazitegereje ziri aho ntawuzi icyo zirya uretse ko zirya n'umukungugu, hanyuma rero ubwo ngubwo ziri aho ngaho, sinzi icyo zimaze, niba ariko gufata ubutegetsi ? Niba ariko gufata Kigali ? Cyakora amaradiyo y'amahanga arazogeza da ! Ngo zafashe ako gasozi, ngo zikariho, sinzi icyo zizakamaza : Niba zirimo zihinga, niba zirimo zicukura gasegereti ! Jye simbizi ibyo ari byo byose ni zo zizi inyungu zifite ariko jyewe ku by'u, mu by'ukuri ndabona nta nyungu n'imwe irimo yo kuza kwirirwa ku gasozi ucukura imyobo, urya inswa, urya ibikoko n'ibitaka ngo aha urimo urafata igihugu, ngo aha urimo urafata imigi. Imigi se wayifata gute ko irimo bene yo, barara mu mazu yabo biyubakiye, barya ibyo bahinze bakinywera akabyeri ubundi bagasinzira ? Ndakekaa rero Inkotanyi mu by'ukuri zirimo zirakotanira ubusa. Uko byagenda kose ziri aho rero, abasirikare b'u Rwanda barazitegereje. Hanyuma i Nyamirambo rero iri joro, iri joro, iri joro nababwira yuko Majoro KAGAME alias KAGOME yaraye agerageje kuza noneho anyuze mu birere, anyuze mu birere hanyuma noneho akeka yuko abantu b'i Nyamirambo batari maso noneho asunutsa izuru ryaje ryaka umuriro, izuru rero bahita barimena. Ubu KAGAME, KAGOME agaramye hariya mu irimbi ry'i

**9.1 min**

Nyamirambo. Sinzi abashaka muzajye kureba ariko rero nkubwije ukuri haraye habaye imvura y'amasasu : abantu barashe ye ! Barashe ! Mwumvise yuko nyine icyo kintu ngo yari ajemo cyitwa ngo ngo ni « bombe éclairante », ahaha ! Yaketse ko abantu batari maso ! Bakirashe ye ! Mbega abantu ngo bararasa ! Barashe na «grenades», bakirasheho «stream», bakirasheho na « blindés » ni uko ! Kigeze aho kirazima nyine birumvikana izo za bombe zikunda kuzima vuba. Ubwo rero ngo yagira ngo atere ubwoba, ngo akange ariko bakirashe kabisa ! Iyo kiba ikintu gipfa nyine, ubundi byari birangiye. KAGAME rero kudutera ubwoba ashatse yabireka ntabwo Abanyarwanda bakigira ubwoba. Cyakora ndakeka ko Inkotanyi zabonye isomo kuko zumvise koko ko hari amasasu kabisa. Amasasu yavuze noneho aho bigeze ibikombe birarangira bigeze aho ikirere gihinduka a u u umutuku gusa ndavuga nti iyaba barasaga Inkotanyi. Ariko rero hagati aho Inkotanyi zahise ziziraho, ziziraho nyine, noneho zigerageza gutera mu Rwampara ariko rero naho zahaboneye ishyano kuko mu by'ukuri ntabwo kwari ugutera ahubwo kwari ugutukana. Mwa mbwa mwe shahu, ngo kiriya cya BIZIMUNGU, ngo mwa bicanyi mwe ngo muratubuza kuza iwacu, ngo kuki ? Harimo rero n'abasore b'i Nyamirambo na bo ngo bashaka kwinjira i Nyamirambo ngo shahu ngo murababuza kuza iwacu, ngo shahu kwa Yusufu ibintu ng'ibyo -uranteye nta Yusufu mvuga ndavuga muri rusange- ngo shahu murambuza kuza kwa Haji ngo shahu si iwacu- uranteye sinzi Haji mvuga- ariko rero nzisanganye ibitutsi gusa n'akaruru gasa ! Induru se ishobora gutsinda Abanyarwanda gute ?

**11.3 min**

Ndakeka rero ko niba ari ibi bakoresheje i Bugande, Abagande nibagende baranyazwe, banyazwe ubutegetsi rwose n'ingegera. Rwose ni igitangaza ! Kwamburwa ubutegetsi n'ingegera burya ni akumiro. Cyakora mu by'ukuri gutukana gusa ngo mwa mbwa mwe ngo twaje, ngo mwapfa ngo ntitugira ubwoba. Hanyuma se basanze twebwe tugira ubwoba ? Cyakora nyine Interahamwe na zo zarabituye ejo mu Muhima, zamanutse zibirukankana muri Rugenge ziti mwa mbwa mwe muragapfa ! Sinakubwira nyine utwo tozongwe duhita tugenda. Ese data turangana iki wo kagira Imana we ! Turangana iki utwo bita udukotanyi ? Utubonye ko wagira ubwoba. Imisatsi yabereyeho wagira ngo ba barwaye urushwima. Urabona bya bote batamaze iminsi bo bamesa ni na byo bavomamo narabimenye. Bavoma muri bya bote amazi yo kunywa. Mwumve namwe ! Mu by'ukuri ibyenda byabasaziyeho, iki ? Mbese ni abantu banuka cyane. Nkuko abantu bamaze kumbwira nonaha hariya hafi ya SOPECYA, hafi ya SOPECYA bamaze kumbwira bamaze kuyi ee saa yine saa yine bahiciye Inkotanyi y'umugande bayihagaritse bati hagarara na yo irahutera ngo aa ngo ni akagambane ; ni iryo jambo yari azi gusa ! Ni akagambane. Ni uko rero bati hagarara noneho umu « Premier Sergent witwa TWIZERE -Premier Sergent witwa TWIZERE « bravo »- ahita amufata, amufashe Inkotanyi ifata imbunda, imufashe noneho uwo Premier Sergent TWIZERE n'abandi nyine babirebaga babikurikiraniraga hafi, noneho iyo Nkotanyi ikuramo icyuma - icyo cyuma barakinyeretse cyuzuyeho amaraso, birumvikana ko za Gikondo iyo Nkotanyi yari imaze kuhakora amarorerwa-. Noneho birumvikana nyine bahise bamurebera uko byagenda. Bamukubise isasu rimwe mu mutwe ubwo umwana w'Umugande aba agaramye aho.

**13.0 min**

Hanyuma mu Cyahafi naho bahishe Inkotanyi yari ije kureba uko za bariyeri zimeze n'uko n'imbunda zihari hanyuma noneho na yo bayirebeye ikiyikwiriye. Yee mu Rwampara na ho twagiye kureba Inkotanyi eshatu zari zihari abaturage bari baje birukanka ngo zari zagiye kubabuza kuvoma noneho dusanga ni Inkotanyi eshatu. Zarimo zirya mu gitondo kare zari zabyukanye inzara ariko mwizirenganya mu by'ukuri ziri mu kaga gakomeye cyane, ziri mu kaga gakomeye. Ni uko zarimo zirya rero saa tatu hanyuma bazihaye « dessert » y'amagrenade ubwo ngubwo ziryoherwe. Hanyuma ubwo nababwiraga iby'Inkotanyi mu mugi mu by'ukuri ndumva ari uko bimeze ndumva ari uko bimeze ibyo ni ibyo nashoboye kwibonera. Ariko mbabwire yuko mu kanya hari imodoka nyinshi za MINUAR zirimo zitwara abantu. Zirmo zitwara abatutsi zibajyana mu Nkotanyi zigatwara n'abahutu benshi zivana kuri stade zibajyana i Runda. Hanyuma rero ibyago ni uko abasirikare ba MINUAR, ba MINUAR bamaze gukomereka ari benshi kubera ko Inkotanyi zimaze kubarasaho ibisasu murumva rero mu by'ukuri ziriyahura ngo umva ko zitegereje n'Abafaransa ngo zibiyahureho ariko rero ndakeka yuko he zirarye ziri menge, ndakeka ko n'i Bugande zishobora kutazahaguma nizikomeza ibyo bintu by'umwirato n'umuteto. Hanyuma rero Abafaransa biyemeje kuza mu Rwanda. Biyemeje kuza mu Rwanda ku buryo ibyo aribyo byose -yee nabibira ibanga yuko Abafaransa batangiye kuza- kuza batangiye kuza kandi ee batangiye kuza, ntibaragera mu Rwanda ariko bari hafi, bari hafi ndabakozaho imitwe y'intoki. Urumva rero ko ONU yabyanga itabyanga ariko rero birumvikana ko izabikunda ; nta muntu wakwangira umuntu kujya kugira neza ibyo birumvikana. Nta muntu wakwangira umuntu kujya kugira neza birumvikana. Ubwo rero babyanga batabyanga babikunda ni hahandi nyine Abafaransa bagiye kuza mu Rwanda kugira ngo babuze ziriya nkozi z'ibibi, biriya byihebe babuze gukomeza kwica abantu no kwiyahura ubwabyo. Hanyuma icyo nabasaba ni uko twatangira kureba uko twitegura Abafaransa.

**15.1 min** K0165719

Abafaransa twabitegura gute gute ? Ni ugutangira tukandika ku mwenda, ku bitambaro, ku bintu byose mushobora kubona, mukandikaho amagambo meza yo gusanganira abo Bafaransa. Ni kwandika : «Vive l'action humanitaire, vive la France, vive Mittérand, Vive l'ONU, Inkotanyi égalent assassins, Inyenzi égalent animaux » ibintu byose mushobora kwandika bishobora kwereka Abafaransa uko ibi bintu bigomba kugenda. Ubwo ibyo bintu rero bishobora kwandikwa ku ngori z'ababyeyi, bishobora kwandikwa ku ngori z'ababyeyi, bishobora kwandikwa ku « bipancartes » ibintu by'ibipapuro binini hanyuma noneho tukabyakiriza abo Bafaransa. Hanyuma ahari indabyo, ahari indabyo tugomba gushaka indabyo zo kugenda tujya dutera mu modoka zabo, hanyuma n'abana bakategurira utubyino hanyuma hari utujambo umuntu agomba gukoresha : « bonjour, merci », utuntu nk'utwo ngutwo na two tukatumenya tugatangira kutwimenyereza hanyuma noneho ee ee hanyuma noneho abantu bose mu rwego barimo bakagerageza kwakira abo bantu neza baje kubuza ibyihebe by'Abagande, ibyihebe by'abana b'abatutsi « extrémistes » kuza kumara abahutu, kuza kumara abantu muri iki gihugu , kuza kubasezerera. Kubakura mu byabo, kubarya-kuko harimo abaryana murabizi- hanyuma noneho ubwo ngubwo abo bantu rero nyine ni ukubakira neza. Nyuma rero -ni ukubasetsa ariko ni ko bimeze- n'abakobwa bacu bakagerageza kubegera hanyuma noneho bakabaha « moral » kuko burya « moral » ku musirikare na yo ni ni ngombwa. Hanyuma ikihebe rero TWAGIRAMUNGU Fawustini alias RUKOKOMA we aravuga ati aho yari arimo arogombwa hariya i « Montréal » muri Canada mu ndiri y'Inkotanyi nyine, sinzi aho bamuhaye ijambo aravuga ngo « Ooh ! ah ! Abafaransa, ngo iki ibintu byose nyine abeshyabeshya ariko ibyo ngibyo ni ibya TWAGIRAMUNGU Fawusitini alias RUKOKOMA birumvikana yuko mu Rwanda nta wukimwitayeho ; ibyo yavuga byose, ibyo yakora byose nta muntu n'umwe ubyitayeho. Hanyuma Abafaransa, rero Abafaransa barakaza neza mu Rwanda. Hinga mbature iyi ndirimbo.

**19.6 min**

SPEAKER (?) : Mwaba muri mu buhungiro mu Rwanda cyangwa hakurya y'u Rwanda abatwumva mwese mukomere. Inkotanyi zararwishigishiye none zirimo ziraruşoma. Mu by'ukuri iyo umuntu arebye ibyo Inyenzi Inkotanyi zirimo umuntu aribaza ati « ariko Inyenzi zirimo zirarwanira iki ? Zirimo zirarwanira se ubutegetsi ? Zirimo zirarwanira se kubana n'abantu ? Zirimo zirarwanira se ee ese hari umva mu by'ukuri iyo umuntu arebye Inyenzi Inkotanyi aho zirirwa zirukanka aho hose, aho zirimo zihamiriza aho za Rubona zijya ngo za Butare, zijya ngo za Kibuye zijya hehe, mbese wagira ngo ni ukuvuga ngo ni nka wa mugani « Voir Kibuye et mourir, voir Butare et mourir » Ibyo se bimaze iki ? Iii ? Ni nka wa wundi wavugaga ati « Voir Carthage et mourir » Ubwo se koko ibyo bintu ! Umuntu wababwiye ibyo ngibyo yababwiye ko bizabamarira iki ? Kuza kwihisha mu mazu se batubatse ayandi bakayagusenyera hejuru ukava mu binonko wiruka ! Uko ni ko gufata ubutegetsi ? Kurwanira se ibintu ugapfa ugapfuka bitazakugeza ku butegetsi byo bimaze iki ? Kuko jye ndavuga ndemeza ko aho Inkotanyi zirimo zigenda hose ntabwo zihabiba urukundo zirahabiba urwango kuko KAGAME alias KAGOME abantu be bababwiye ko bajya guhiga umuntu wese w'umuhutu ukomeye wo mu karere aka n'aka. Ibyo rero bizatuma ku giti cyanjye mvuga ko n'Inkotanyi ubwayo izajya ifata tagisi ivuge ko igiye ku Gikongoro, na kera mu mahoro yaraje, ivuga ko igiye ku Gikongoro, abantu (...) abantu biciwe bayifate bayinige bayihotore. Inkotanyi izajya ijya gusaba umukobwa i runaka bavuge bati « uri umwicanyi nta mukobwa tuguhaye wowe uzapfa utarongoye » Ubwo bimaze iki gutegura icyo bita »avenir »

K0165720

(kureba imbere) ahantu utazabona aho usaba umugore, ahantu utazabona aho usaba ikibanza cy'isambu ngo uture, utazabona no mu rwego rwa politiki, utazabona umukandida. Sinumva umuntu n'umwe ushobora mu Rwanda urwo ari rwo rwose kandi u Rwanda -nari ngiye kuvuga ngo u Rwanda urwo ari rwo rwose kandi u Rwanda ari rumwe- nta muntu n'umwe mu Rwanda, narahira nkisiba, nta muntu n'umwe uzatinyuka kuvuga ngo ni kandida w'Inkotanyi ku Kibuye. Nta wubaho.

**21.6 min**

Nta n'umwe n'ubwo bwaba ari ubuselire bwo muri Selire ntazi yo munsi mu karere ntazi ka Kivumu cyangwa se mu karere ko mu Bigugu. Nta we, uwo nta wubaho. Nta muntu n'umwe uzatinyuka kuvuga ngo jyewe ndi kandida w'Inkotanyi i Cyangugu.

Nta n'umwe uzatinyuka kuvuga ngo jyewe ndi kandida w'Inkotanyi i Byumba ho birumvikana ho ntibishoboka abantu imyaka ine yose bangara hanze. Ndumva nta wabitinyuka. Nta muntu n'umwe uzatinyuka kuvuga ngo ndi kandida selire muri Kibungo aho abaturage bashize bishwe n'Inkotanyi. None se niba Inkotanyi kuvuga ngo zatsinze ngo bya gisirikare na byo ntibyumvikana. Inkotanyi mu mpunzi z'abatutsi zitarenga miliyoni, zitarenga na ko ibihumbi 800 bashoboye kubonamo ngo ingabo ngo zashobora kwirukana abahutu miliyoni esheshatu.

Erere! Abo basore bose bashaka guta mu Kivu. Rahira ko batazabahindukirana! Hari umuntu wavuze ati erega ubungubu reka abantu barimo barahunga kubera ko bafite ibyo bahungisha. Ariko umuntu namara gukandagira hakurya, ari muri Tanzaniya, ari muri Kenya, ari mu Burundi ari muri Zayire ntacyo agifite azahita agaruka Inkotanyi ya mbere azabona azayirya bunguri azahita ayimira nta n'intwaro afite. Ndakeka rero kubiba urwango, kuvuga ngo urimo urarwana ngo urerekana ubugabo, nta cyo bimaze; ahubwo ibyiza ni ukubiba urukundo. None se Nkotanyi, urohereza ibisasu mu mugi wa Kigali, rero muzi ko mwatumaze! Uziko ari ikintu ki ibyo ari byo byose urabizi, kuko iyo ugitera uzi ibiro gifite, uzi ukuntu giturika. Ucyohereje mu nzu y'umuturage umuryango wose uraryamye, umuturage nta cyo yagutwaye. Yenda afite n'umugore w'umututsikazi cyangwa na we ubwe ni Umututsi. Arapfuye n'abana be. Urongeye wohereje ikindi, wohereje ikindi ngo urica Interahamwe da! Ha! Abo bose se urakeka ko bazagukunda ngo kuko wabashelinze ngo kuko wabarashe. Nta wuzagukunda n'umwe. Abo wakuye se mu byabo? Abagiye batakaza ibintu se? Abagiye bagurisha inka zabo amafaranga ijana? Abo bose ngo urabakunda? Ngo urahagarika ubwicanyi! Ubwicanyi se bwa hehe ahubwo ko ubukomeza! Kuko umuntu iyo aguweho n'igisasu hari n'ubwo areba aho umututsi yari asigaye akamumara.

**23.6 min**

Ubwo se ibyo bimaze iki? Ndakeka y'uko Inkotanyi rero aho kubiba urwango ni uko nyine n'ubundi cyakora turabibona. KAGAME aravuga ati, alias KAGOME aravuga ati jyewe nzajya i Bugande nongere mbone akazi kanjye k'ubumajoro, jyewe nzajya mu Ngabo za Uganda, n'ubundi mfite ubwenegihugu bwa Uganda. Eee MAZIMPAKA Patrick ati n'ubundi ndi Umunyamerika, BIHOZAGARA ati n'ubundi ndi Umubiligi, eee abandi b'Inkotanyi bo basanzwe n'ubundi zari imbwa z'abashomeri, ari ingegera zirukanka zicuruza udutabi za Mbarara za Masaka, aho za Kamenge zirukankana udufurari n'utuntu tw'umushwari. Aravuga ati nzasubirayo. Umugande we aravuga ati ee amafaranga bampaye ni ayo nzajyana ayo. Ariko rero kutwicira igihugu, kukimara kugi, kuko nta kintu gisigaye muri Kigali inzu zose zarashize, inzu z'abaturage zarashize, izo nzu ntazo mwubatse, ariko kuvuga ngo gusa Kigali na Kampala. Ndakeka y'uko ibyo ni ishyari kandi nta kintu bizabamarira kuko niba mwitwa

ko, muvuga ko muri Abanyarwanda, umunsi hariya hose habahindutse muzagaruka bityo musange mwaratwiciye, mwaradutemaguye, mwaratumennye amaso. Ibyo se bizabamarira iki Nkotanyi? Ndakeka y'uko mwari mukwiye gushyira mu gaciro. Ngaho rero noneho ngo Ababiligi baraje, nako ngo Abafaransa, ngo tugiye guhangana, ese kuki muhitamo ubwoko? Kuki muhitamo Ababiligi hanyuma Abafaransa bo mubahora iki? Si abazungu nk'abandi? Eree! Ngo kuko batababogamiyeho? Erere! Ngo ubwo rero kuko muri rubanda nyamuke, mwagira incuti, rubanda nyamwinshi ntigire incuti? Rahira ko amaherezo ibyo mwizera bitazabapfana n'incuti mwakekaga rubanda nyamwinshi ikazibamaraho. Niba ari abakobwa beza mutanga ntimubaturusha. Niba ari amafaranga ntimuyaturusha. Nta mututsi n'umwe ukize kurusha KABUGA. Ubwo se muri mu biki? Ndakeka yuko muri kwiyahura kandi si ukubeshya muzashira cyane cyane yuko Abafaransa nibamara kuza mukicamo n'Umufaransa n'umwe bizaba birangiye.

**25.2 min**

No mu Buganda ntimuzashobora kuhaba, bizaba birangiye. Ibyo ngibyo ni intambara yo mu karere k'Afurika muzaba mushoje kandi ibyo bintu byose bizabakoraho kandi bizabagaruka, abantu bose bazabahinduka mu bihugu mwahungiyemo, ibihugu byose murimo babahige, babamerere nabi babaduhindire tubanige mwese mushire birangire, ibyo mwita ubugabo ari byo bubwa kuko mu by'ukuri, gufata ikintu cy'igisasu ukagita mu bantu bagashira batakubona, utabazi ngo ibyo ni ubugabo, ngo urashellinga ibyo ngibyo ni ububwa, nta bugabo burimo. Kwirukanka mu giturage, urasa ibisasu nk'umusazi ngo muhunge mugende mute ibyanyu udashobora kubigarukamo ngo ubituremo. Urabizi Abatutsi ni abanebwe (...)

**SPEAKER** (?) : (...) Capable de respecter leur parole, capable de respecter leur parole... voici pour toutes nos informations militaires, pour toutes ses informations politiques du jour surtout. Nous allons maintenant vous faire part d'une interview, une interview que nous avons personnellement recueillie auprès d'un Français qui se trouve toujours ici à Kigali une personne qui parle Kinyarwanda, une personne qui parle Kinyarwanda.(...) HATEGEKIMANA que tout le monde connaît bien et qui nous donne sa position, la position d'un Français par rapport à la possible intervention française ici au Rwanda. Ecoutez-le, voici ses propos recueillis aujourd'hui matin pour vous, auditeurs de la RTLM et que nous vous transmettons en exclusivité.

**SPEAKER** (?) : Chers auditeurs de la RTLM nous sommes aujourd'hui en compagnie de... Georges HATEGEKIMANA connu sous le nom de... En fait nous avons su qu'il est de nationalité française, française. Il est encore resté dans Kigali là même soutenir les déplacés. On parle maintenant avec grande probabilité d'une intervention française.
Elle serait une intervention à titre humanitaire, s'interposer entre les combattants et continuer à s'en prendre à la population (...)

K0165722

# FACE B

(Vide )